
Newsletter
REG

Issue №: 19
January - March 2024

# KWIBUKA: REG AND WASAC COMMEMORATED FORMER ELECTROGAZ STAFF VICTIMS OF 1994 GENOCIDE AGAINST THE TUTSI

## REG KICKS OFF THE UPGRADE OF POWER VENDING SYSTEM

## GAS METHANE POWER PLANT IN RUBAVU DISTRICT NOW SUPPLYING 50 MEGAWATTS OF ELECTRICITY TO THE GRID

## REG CELEBRATED THE 2024 INTERNATIONAL WOMEN'S DAY ON HIGH GEAR

# TABLE OF CONTENTS


| | | |
|---|---|---|
| REG KICKS OFF THE UPGRADE OF POWER VENDING SYSTEM | ............................ | 4 |
| REG YATANGIYE KUVUGURURA IKORANABUHANGA RIKORESHWA MU KUGURA UMURIRO | ............................ | 5 |
| REG CELEBRATED THE 2024INTERNATIONALWOMEN'SDAYONHIGHGEAR | ............................ | 6 |
| FEMALESTUDENTSATSCHOOLOFSCIENCEANDTECHNOLOGYURGEDTOJOIN ENERGY SECTOR | ............................ | 7 |
| KWIBUKA: REG AND WASAC COMMEMORATED FORMER ELECTROGAZ STAFF VICTIMS OF 1994 GENOCIDE AGAINST THE TUTSI | ............................ | 8 |
| GAS METHANE POWER PLANT IN RUBAVU DISTRICT NOW SUPPLYING 50 MEGAWATTS OF ELECTRICITY TO THE GRID | ............................ | 9 |
| URUGOMERO RW'AMASHANYARAZI AKOMOKA KURI "GAZ METHANE" MU KARERE KA RUBAVU RWATANGIYE GUTANGA MEGAWATI 50 Z'AMASHANYARAZI KU MUYOBORO MUGARI | ............................ | 10 |
| MU RWANDA HARIMO GUKORWA UBUSHAKASHATSI KU BURYO ABATURAGE BATANGIRA GUTEKA BAKORESHEJE AMASHANYARAZI AKOMOKA KU MIRASIRE Y'IZUBA | ............................ | 11 |


## Our Vision

To be the leading regional provider of innovative and sustainable energy solutions for national development

## Our Mission

Developing and providing reliable and affordable energy while creating value for our stakeholders

## Core Values of REG

- Customer Oriented

Serving our customers and ensuring their satisfaction through our culture of excellence

- Integrity

We are open, fair and honest with our stakeholders

- RESPECT FOR PEOPLE

We respect, empower, recognize and ensure the continuous development of our people

- TEAM WORK

We work together reinforcing our professional capabilities as individuals, teams and operating units

- EFFICIENCY

We innovatively achieve more with fewer resources without compromising quality

- SUSTAINABILITY

We provide sustainable solutions in a safe environment

# 1 REG KICKS OFF THE UPGRADE OF POWER VENDING SYSTEM



Rwanda Energy Group (REG) has started the upgrade of our power vending system to meet the latest international standards, improve customer experience and enhance system security.

Armand Zingiro; the CEO of REG, said that the upgrade of the system has already kicked off but it will be done in phases.

"This upgrade concerns all REG customers using pre-paid meters, known as cash powers. The upgrade of the system shall be done by entering the three (3) tokens which will be provided once, when a customer purchases electricity. A customer who will purchase electricity, will receive 3 tokens. These 3 tokens must be carefully entered in the meter in a chronological order as reflected on the issued receipt/message of tokens (starting by token 1 and confirm, then token 2 and confirm, then lastly token 3 and confirm)." Disclosed Zingiro during the Press conference held on 11th March, 2024 at REG Headquarters.

For upgrading the system in cashpowers, customers must note the following:

- **Every token must be entered separately in the normal way used when entering electricity token and the confirmation message of loaded electricity units shall be displayed in the meter once the three tokens are successfully entered.**
- **Tokens purchased before, must be entered into the cashpower before starting the system 's upgrade otherwise after the upgrade the electricity purchased will not be entered.**
- **This upgrade is being done in phases. In case you have not yet received the 3 tokens after purchase of electricity, keep patient until the time you will receive the 3 tokens. You will continue to buy electricity as usual.**

The Management of REG has assured the customers that measures to ensure a successful upgrade process have been put in place. For any inquiries, customers may contact the helpdesk at your respective branch or call our toll free number **2727**.





# 2 REG YATANGIYE KUVUGURURA IKORANABUHANGA RIKORESHWA MU KUGURA UMURIRO




Sosiyete y'u Rwanda Ishinzwe Ingufu (REG) yatangije ivugurura ry' ikoranabuhanga rikoreshwa mu kugurisha umuriro w'amashanyarazi (prepayment system).

Iri vugurura rirareba abafatabuguzi bose bakoresha mubazi z'amashanyarazi (Cashpower) kandi rikorwa rimwe gusa, winjiza imibare y'umuriro (tokeni) muri mubazi nk'uko bisanzwe, mu gihe uzaba waguze umuriro w'amashanyarazi:

Ubwo umuyobozi mukuru wa REG, Bwana Armand Zingiro yari mu kiganiro n'itangazamakuru kuri uyu wa 11 Werurwe 2024; yavuze ko iri koranabuhanga ryatangiye kuvugururwa Atari umwihariko w'u Rwanda ahubwo biri gukorwa ku isi hose.

Zingiro yagize ati ***"Uko iri vugururwa riri gukorwa, Umufatabuguzi waguze umuriro azabona imibare y'ibyiciro bitatu (tokeni eshatu) icyarimwe. Izo tokeni zigomba kwinjizwa neza muri mubazi uhereye kuri tokeni ya mbere kugera ku ya gatatu uzikurikiranya neza uko zikurikiranye. (uhera kuri tokeni ya 1 ukemeza, ugakurikizaho tokeni ya 2 ukemeza, ugasoreza kuri tokeni ya 3 nabwo ukemeza). Ibi turi kubikora mu rwego rwo kugira ngo tujyane n'igihe."***

Umuyobozi Mukuru wa REG avuga ko ikoranabuhanga bakoreshaga ryatangiye muri 1993 ku isi yose, mu Rwanda ritangira mu 1996 ubwo hatangizwaga gukoresha za cashpower zishyura amashanyarazi mbere.

Umufatabuguzi akurikiza amabwiriza akurikira mu kuvugurura mubazi (cashpower) ye:

- **Buri "tokeni" igomba kwinjizwa ukwayo kandi ikemezwa nk'uko bisanzwe bikorwa. Iyo umaze gushyiramo izo tokeni zose neza, nibwo ubona ko umuriro w'amashanyarazi waguze ugiye muri mubazi yawe. Icyo gihe ikoranabuhanga ryo muri mubazi yawe riba rivuguruwe.**
- **Uwaba yaraguze umuriro atarawushyira muri mubazi ye arasabwa kuwushyiramo mbere y'uko ashyiramo za tokeni 3 azahabwa kugira ngo utazamupfira ubusa nyuma y'ivugurura.**
- **Iri vugurura ririmo gukorwa mu byiciro, igihe cyose utarabona tokeni 3 ugura umuriro nk'uko bisanzwe, ubwo mubazi yawe (cashpower) yawe ntiragerwaho mu ivugurura.**

Uwagira ikibazo wese yabariza ku Ishami rya REG, cyangwa agahamagara ku murongo utishyurwa **2727**.

## 3 REG CELEBRATED THE 2024 INTERNATIONAL WOMEN'S DAY ON HIGH GEAR



On Friday 15th March, 2024 at Crown Conference Hall, Nyarutarama, in Kigali city, women working at Rwanda Energy Group together with the Management of REG celebrated the 2024 International Women's Day.

This day which is globally celebrated on 08th March, 2019 was celebrated a week after.

Addressing participants that attend REG celebrations, the State Minister in the Ministry of Infrastructure Mrs. Uwase Patricia shared her experience as a woman who is in the top-level leadership of the country.

Hon. Uwase urged women to exploit opportunities that were put in place by Government of Rwanda to strive for positions of leadership across sectors. ***"We should never limit our ambitions just because we think we have so much responsibilities"*** she said.

She encouraged them to take advantage of the conducive political will to promote gender equality and equity and advocate for their needs.

***"Men don't always know the experiences that women have, So you should be the ones to champion for what is good for women and do not wait for men to think about you. We should be able to articulate the challenges we have and be able to find solutions for them."*** she added.

The CEO of REG, Eng. Armand Zingiro, said that women are greatly supporting the company's development despite many responsibilities they have at home.

***"I really want to thank you for the support that you are giving the company. I know it's not easy to work for your company and arrange for family affairs. We really appreciate the efforts that you're always making to support the company"*** he said.

REG CEO also called all stakeholders to double effort to facilitate women engineers access the labour market, more specifically in the energy sector.

In Rwanda, the Energy sector in Rwanda still has a small number of staff women. This is due to the country's historical and cultural background which discouraged women involvement in the technical works. Despite the current political will in Rwanda and Government efforts to promote gender balance in all sectors, the energy sector still has a very low rate due to its complicity of mandate where women were not engaged in electricity maneuvering before. As of today, REG women make up approximately 22% of the total staff.

In a bid to be able to reach the Rwandan Government targets of 30% women representation at all levels, Rwanda Energy Group has put in place a special committee in charge of establishing the program to ensure the gender mainstreaming in this sector and the affirmative actions to promote gender inclusiveness in the company.

Among the strategic objectives of this program include the representation of women at all levels of REG management, hiring more women, equal opportunities to promotions, equal access to career development programs as well as ensuring a working environment favoring them to perform and free from any sexual harassment .





## 4 FEMALE STUDENTS AT SCHOOL OF SCIENCE AND TECHNOLOGY URGED TO JOIN ENERGY SECTOR



This Wednesday 13th March 2024, REG Senior Managers mainly women, visited University of Rwanda, School of Science and Technology and met female students pursuing engineering studies.

A panel composed of REG senior women engineers discussed about different opportunities available in Energy Sector, specifically at Rwanda Energy Group (REG) and also discussed available opportunities that await women graduates in engineering.

REG Women Managers shared different experiences in their professional journey and urged female students that filled the big hall to join energy sector after graduating.

It was a fruitful day of interactions for both students and REG professional women. The event, which was started by giving rose flowers and sharing soft drinks was in line with a series of events organized by REG to celebrate the International Women's Day, which is usually celebrated on 8th March.

Rwanda Energy Group has put in place different affirmative actions aimed at increasing the ratio of female to male in all positions on the structure.

# 5 KWIBUKA: REG AND WASAC COMMEMORATED FORMER ELECTROGAZ STAFF VICTIMS OF 1994 GENOCIDE AGAINST THE TUTSI



On 24th April, 2024 the staff of Rwanda Energy Group (REG) and Water Sanitation Corporation (WASAC) commemorated former ELECTROGAZ Staff victims of the Genocide against Tutsis, an activity that took place at the Kigali Genocide Memorial but started with the walk to remember from the Memorial located at REG Headquarters, in Nyarugenge District, City of Kigali.

The commemoration started with laying a wreath at this memorial built at REG Headquarters, where the Senior Management of REG and WASAC took time to remember 1994 Genocide against Tutsi.

After laying a wreath at the Memorial at REG, Staff of REG and WASAC were joined by the State Minister in the Ministry of Instrastructure, Uwase Patricia and walked from Kinamba up to the Kigali Genocide Memorial.

Eng. Armand M. Zingiro, the CEO of REG in his welcoming remarks during this commemoration at Kigali Genocide Memorial, reiterated the dreadful moments the Tutsi passed through during the Genocide. He further reminded participants that Rwandans will keep commemorating the 1994 Genocide against the Tutsi, generation by generation.

Hon. Evariste Kalisa, a survivor of the 1994 genocide against the Tutsi in Rwanda and former employee of ELECTROGAZ, revealed how ELECTROGAZ played a role in the massacres that claimed the lives of more than one million people in 100 days.

Kalisa detailed instances of discrimination, intimidation, and active complicity by management in promoting genocidal ideologies at the time.

Omar Munyaneza, the CEO of WASAC, highlighted the need to combat genocide ideology and work toward a more unified and peaceful Rwanda.

He said: "***Remembering former ELECTROGAZ staff should be a lesson to all REG and WASAC Group staff to avoid discrimination, foster unity by working together and to prevent genocide to happen again.***"

In her concluding remarks, Hon. Uwase Patricia, the Minister of State in the Ministry of Infrastructure, urged people at the commemoration to call to mind the symbols of hope and resilience as Rwanda commemorates the 30th anniversary of the genocide against the Tutsi. She emphasized the importance of youth in bridging the past and the present, promoting unity and reconciliation.

She went on by saying that what happened in Rwanda is very sad and she can't find words to express it but she hopes Genocide will never happen again in the future. She comforted the families of the victims of 1994 Genocide against the Tutsi and thanked REG Management for upholding the culture of unity at workplace.



Newsletter REG | Issue № 19 January - March 2024

# 6 GAS METHANE POWER PLANT IN RUBAVU DISTRICT NOW SUPPLYING 50 MEGAWATTS OF ELECTRICITY TO THE GRID



Shema Power Lake Kivu (SPLK), is a Gas Methane Power Plant that produces electricity from methane gas in Lake Kivu, the construction work of this plant has been completed, it was built by a British company called Shema Power Lake Kivu Ltd (SPLK), and it is located in Busoro Cell, Nyamyumba Sector, Rubavu District.

The Manager of electricity at SPLK, Mr. Byiringiro Maximilien, says that the construction work of this plant has been completed, and they have started supplying electricity to the grid through the Rwanda Energy Group (REG).

He said, ***"We started supplying electricity to the grid for the first time on 15th March, 2023, at that time it was a test, but from March 2024 we are now supplying 50 megawatts on the grid and our production is succussful."***

Kabuto Alexis; the CEO of SPLK says that initially this factory employed 500 workers, including 150 foreigners and 350 Rwandans, but due to the completion of the construction works, there are now less than 100 workers currently.

Kabuto says that his company's gas extraction will only generate electricity and no gas will be processed to be used for cooking.

Kabuto says that Rwanda will benefit a lot from this plant because in the agreement they signed with the Government of Rwanda, this electricity they provide is cheaper compared to how other private plants will sell to the Government.

Gakwavu Claver; the Acting Managing Director of EUCL, says that it is true SPLK has started supplying 50 megawatts to the grid.

SPLK started the construction of this plant on 01st October, 2019, which was supposed to be completed in two years, but it was delayed due to the COVID-19 epidemic.

It was planned that the construction of this power plant will cost 220 million US dollars which is about 290 billion Rwandan francs.

In order to facilitate the investment, the Government of Rwanda helped Shema Power Lake Kivu Ltd to build infrastructure including roads, power lines from the plant to the on-grid, etc.

Currently, approximately 76% of households in Rwanda have electricity.

# 7 URUGOMERO RW'AMASHANYARAZI AKOMOKA KURI "GAZ METHANE" MU KARERE KA RUBAVU RWATANGIYE GUTANGA MEGAWATI 50 Z'AMASHANYARAZI KU MUYOBORO MUGARI



Shema Gaz Methane Power Plant ni urugomero rw'amashanyarazi ruyabyaza umusaruro akomotse kuri gaz methane iri mu kiyaga cya Kivu, imirimo yo kubaka uru rugomero ikaba yararangiye, rwubatswe na sosiyete y'abongereza yitwa Shema Power Lake Kivu Ltd (SPLK), ndetse rukaba ruherereye mu Kagari ka Busoro, Umurenge wa Nyamyumba, Akarere ka Rubavu.

Umuyobozi ushinzwe ibikorwa bijyanye n'amashanyarazi muri iyi sosiyete ya SPLK yubatse uru ruganda rw'amashanyarazi, bwana Byiringiro Maximilien, avuga ko imirimo yo kubaka uru ruganda yarangiye, ndetse batangiye gutanga amashanyarazi ku muyoboro mugari binyuze muri Sosiyete y'u Rwanda ishizwe ingufu (REG).

Byiringiro yagize ati ***"twatangiye gutanga amashanyarazi ya mbere ku muyoboro mugari (on grid) tariki 15 Werurwe 2023 icyo gihe byari mu igerageza, ariko guhera muri Werurwe 2024 ubu turi gutanga megawati 50 ku muyoboro mugari."***

Kabuto Alexis; Umuyobozi Mukuru wa SPLK avuga ko ku ikubitiro uru ruganda rwatangiye rukoresha abakozi 500 harimo 150 b'abanyamahanga n'abandi 350 b'abanyarwanda, ariko kubera imirimo yo kurwubaka yarangiye ubu hari gukora abakozi batagera ku 100.

Kabuto avuga ko iyi sosiyete yabo gaz icukura izayibyaza amashanyarazi gusa nta gaz izatunganywa ngo ikoreshwe mu guteka.

Asobanura uburyo bizakorwa, Kabuto yavuze ko "***gaz methane***" icukurwa muri metero 355 ndetse ibyuma biyicukura biri mu kiyaga cya Kivu, hatangiye imirimo yo kuyicukura no kuyitunganya.

Kabuto avuga ko u Rwanda ruzungukira cyane kuri uru rugomero kuko mu masezerano basinyanye na Leta y'u Rwanda, aya mashanyarazi batanga ahendutse ugereranyije n'uburyo izindi ngomero zigenga ziyagurisha na Leta.

Gakwavu Claver; Umuyobozi w'agateganyo wa EUCL, avuga ko aribyo koko Uru rugomero rwatangiye gutanga amashanyarazi ku muyoboro mugari ndetse yongereye ingano y'amashanyarazi u Rwanda rufite.

SPLK yatangiye kubaka uru rugomero tariki 01 Ukwakira 2019 aho byari biteganyijwe ko rwuzura mu myaka ibiri ariko biza kudindizwa n'icyorezo cya COVID-19.

Byari biteganyijwe ko imirimo yo kubaka uru rugomero rw'amashanyarazi izarangira itwaye miliyoni 220 z'amadolari y'Amerika ni hafi miliyari 290 z'amafranga y'u Rwanda.

Mu korohereza ishoramari, Leta y'u Rwanda yafashije Shema Power Lake Kivu Ltd iyubakira ibikorwaremezo birimo imihanda, imiyoboro y'amashanyarazi ikura umuriro muri urwo rugomero iyageza ku muyoboro mugari (on-grid) n'ibindi.

Kugeza ubu mu Rwanda ingo izifite amashanyarazi zisaga 76%.



Newsletter REG | Issue № 19 January - March 2024

# 8 MU RWANDA HARIMO GUKORWA UBUSHAKASHATSI KU BURYO ABATURAGE BATANGIRA GUTEKA BAKORESHEJE AMASHANYARAZI AKOMOKA KU MIRASIRE Y'IZUBA



Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu REG ku bufatanye na Kaminuza yo mu Bwongereza Coventry University, baratangaza ko kuri ubu barimo gukora ubushakashatsi mu Rwanda bugamije kureba niba abaturage batangira gukoresha ingufu z'amashanyarazi mu guteka hifashishijwe ikoranabuhanga rikoresha amashyiga akoresha ingufu z'amashanyarazi zikomoka ku mirasire y'izuba.

Ni ubushakashatsi kandi bugamije gukusanya amakuru yimbitse ku buryo bwo guteka hakoreshwa ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba hagamijwe kugabanya ibicanwa bikoreshwa mu bijyanye no guteka mu rugo ndetse no guhangana n'ingaruka z'imyuka n'ihumanywa ry'ikirere.

Bunagamije kandi kumenya ibyo ayo mashyiga asaba mu gukoresha ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba ndetse n'ingano y'ingufu zikenerwa mu gutekesha amashanyarazi mu ngo.

Bamwe mu baturage bo mu ntara y'iburasirazuba ho mu karere ka Kayonza batangiye gukorerwaho ubwo bushakashatsi mu ngo zabo bemeza ko mu gihe ibyavuye muri ubwo bushakashatsi bizaba byatangiye gushyirwa mu bikorwa bizabafasha cyane mu gukemura ikibazo cyo kubona ibicanwa cyibugarije muri iki gihe.

Sinzabakwira Valens yagize ati: ***"Aho dutuye inaha kubona inkwi zo gucana cyangwa amakara biragoye cyane ku buryo hari n'aho dukoresha ibikenkere kugira ngo tubashe guteka amafunguro. Rero turamutse kubonye ikoranabuhanga ryo gutekesha amashanyarazi akomoka ku zuba byadufasha cyane."***

Sylivie Mukeshimana na we yagize ati: ***"Kubona inkwi zo guteka inaha bisaba gutema amashyamba kandi nayo rwose urabona ko inaha adakunda kuboneka. Turamutse tubonye ayo mashyiga agezweho byadufasha cyane kubona ibicanwa bidahenze, kandi tugatekera ahantu hafite isuku, bikanadufasha mu kubungabunga ibidukikije."***

Hari abandi baturage bemeza ko nibatangira gukoresha amashyiga agezweho bizabafasha kubungabunga ibidukikije ndetse no kwirinda indwara z'ubuhumekero.

Habimana François yagize ati: ***''Twebwe kubera gutekesha inkwi zisanzwe inaha, icya mbere kuzibona bigize kuba bigoye cyane, icya kabiri zikanatera imyotsi myinshi hakaba hari impungenge ko iyo myotsi yazadutera indwara zo mu buhumekero. Nidutekera kuri ayo mashyiga avuguruye rero bizadufasha kwirinda izo ndwara tuna rusheho kurwanya ibyangiza ikirere, tunabungabunge ibidukikije tureka gutema ayo mashyamba."***

Ubu bushakashatsi bwateguwe mu bufatanye bwa Sosiyete y' u Rwanda Ishinzwe Ingufu REG ndetse n'ikigo cya Leta y'abongereza cyitwa Innovate UK. Umushakashatsi akaba n'umwalimu muri Kaminuza ya Coventry yo mu Bwongereza Dr Jonathan Nixon akaba ari na we uhagarariye ubu bushakasatsi yemeza ko ibizava muri ubu bushakashatsi bizafasha mu kubona ibicanwa, kubungabunga ibidukikije ndetse no kugabanya imyuka ihumanya ikirere.

Nixon yagize ati: ***" Ubu bushakashatsi buratanga icyizero cy'uko bishoboka gutanga igisubizo ku baturage bahangayikishijwe no kubona ibicanwa mu bikorwa byabo bya buri munsi nyuma yo kuba babona ikoranabuhngа rikoresha ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba mu guteka, ibi kandi bikazanafasha no mu kubungabunga ibidukikije no kugera ku ntego yo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere iterwa ahanini n'imyuka mibi uhumanya ikirere."***

Mu gutegura ubu bushakashatsi kandi, harimo abafatanyabikorwa nka kompanyi yitwa MESH Power itanga amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba ari nayo izatanga ibikoresho bizafasha muri ubwo bushakashatsi.

Ubu bushakashatsi bwahawe ubuziranenge ndangamikorere na komite ya kaminuza ya Coventry yo mu Bwongereza , ishinzwe ubuziranenge ndangamyitwarire mu bushakashatsi.

Ni ubushakashatsi Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu REG yemeza ko buzafasha mu gukemura ikibazo cy'ibicanwa mu Rwanda by'umwihariko hatangizwa ibidukikije nk'uko byemezwa n'Umuyobozi ushinzwe ubushakashatsi mu REG Eng Kabananiye Janvier.

Kabananiye yagize ati: ***''Nyuma y'ubu bushakashatsi turifuza kwerekana ko abaturage bashobora gukoresha ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'Izuba cyane cyane abaturage benshi batuye mu bice by'icyaro bitageramo amashanyarazi ashamikiye ku miyoboro migari. Ariko kandi ubu bushakashatsi nabwo buzafasha n'abaturage batuye mu bice bigeramo umuyoboro mugari w'amashanyarazi kuba nabo bashobora guteka bakoresheje ubwo buryo bw'ikoranabuhanga "Solar Energy Transition- E-Cooking in Sub Saharan Africa. "***

Ubu bushakashatsi bwatangiriye ku ngo makumyabiri zo mu ntara y'I Burasirazuba, mu mirenge itandukanye y'akarere ka Kayonza. Mu kwezi ku Ugushyingo (11), Izo ngo 20 nizo zitangiye gushyirwamo ibikoresho by'ikoranabuhanga ryo kumenya ingano y'ibicanwa abaturage bakoresha (Sensors), naho mu kwezi kwa Gashyantare (kabiri) 2024, ibikoresho by'ikoranabuhanga bikoreshwa mu gufata imirasire y'izuba n'amashyiga yabugenewe nabyo byashyizwe mu mazu y'abaturage.

Ni ubushakashatsi bufite agaciro k'amapawundi y'ubwongereza ibihumbi 345,318 Euro, angana na Miliyoni zirenga 449 z'amafaranga y'u Rwanda, azatangwa na Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu REG, ku bufatanye na Ikigo cy'abongereza gishinzwe guhanga udushya Innovate UK ndetse na Mesh Power.

Kuri ubu bushakashatsi bugeze ku kigero cya 80%, aho abaturage bamaze guhabwa amashyiga akoresha ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba. Ubu baracana neza kandi ibicanwa bakoreshaga biragabanuka cyane, kuburyo bamwe badatinya kuvuga ko batakongera kwiteza inkwi, kubwo kugira aya amahirwe atagira uko asa yo kubona aya mashyiga akoresha umurasire. Ubu bushakashatsi bukaba buteganijwe ko buzatangaza ibyabuvuyemo mu kwezi kwa Nzeri k'uyu mwaka.





# IBYO UKWIRIYE KWITWARARIKA KU MASHANYARAZI MU NZU YAWE

Uko u Rwanda rugenda rukataza mu iterambere,ni nako amashanyarazi agezwa henshi no kuri benshi, haba mu mijyi ndetse no mu byaro. Ubu, ingo zisaga 68.2% zifite amashanyarazi, ndetse inyinshi muri zo zifite amashanyarazi afatiye ku muyoboro rusange.

N'ubwo amashanyarazi adufasha mu buzima bwa buri munsi, ni ngombwa kwitondera imikoreshereze yayo, kuko iyo akoreshejwe nabi ashobora guteza impanuka zikomeye zirimo inkongi, kwangirika kw'ibikoresho twifashisha mu ngo ndetse no mu kazi, gukomereka ndetse n'ufupfu.

Ni ngombwa kwitondera ibikoresho wifashisha ushyira amashanyarazi mu nzu (installation) birimo intsinga, amatara n'ibijyana nayo, aho bacomeka (prise/socket), ndetse ukanagenzura uburyo ashyizwe mu nzu yawe, bikaba bikozwe n'umuhanga ubizobereye. Ni ngombwa kandi gukoresha ibikoresho bifite ubuziranenge ku buryo bidashyuha ngo bibe byateza inkongi mugihe ntabwirinzi buhagije buhari.

## Igihe ushaka gushyira amashanyarazi mu nzu (installation)

Ibikoresho byifashishwa mu gushyira amashanyarazi mu nzu biri ukwinshi ndetse biboneka henshi mu maduka acuruza ibikoresho by'ubwubatsi. Igihe ugiye kugura intsinga cyangwa ibindi bikoresho, ugomba kugenzura ko uguze ibyujuje ubuziranenge ku buryo bitazashyuha ngo bishye.

Intsinga zo mu nzu ziba zizengurutswe n'igikoba cya pulasitike. Iyo urutsinga rutujuje ubuziranenge rurashyuha, byakomeza cya gikoba kigashonga kigashya, maze bigatuma intsinga zihura zigatanga ibishashi. Icyo gihe aho zinyura hose umuriro utangira kwaka. Akenshi rero usanga intsinga zinyura hejuru, ibikigize bihita bifatwa maze abantu bakisanga inzu yose yafashwe.

Ikindi cy'ingenzi rero, igihe cyose ugiye gushyira amashanyarazi mu nzu yawe ugomba kwifashisha abatekiniziye b'inzobere bafite ubumenyi n'inararibonye, ku buryo uba wizeye neza ubuziranenge bw'ibyo bagukorera. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura inzego zimwe z'imirimo Ifitiye igihugu akamaro (RURA) gisohora urutonde rw'abatekinisiye bafite impushya zerekana ko bafite ubumenyi n'ubuhanga bwo gushyira amashanyarazi mu nzu.

Igihe kandi usanzwe ufite amashanyarazi iwawe, ni byiza kugenzura ko nta rutsinga rwangiritse cyangwa se n'ibindi bikoresho byayo kugira ngo ubisimbure hakiri kare bitarateza impanuka.

## Kwitwararika imikoreshereze y'amashanyarazi

Igihe ufite amashanyarazi iwawe ucomeka ibikoresho bitandukanye, ugomba kwitondera kugenzura ko ibyo ucomeka bimeze neza. Byaba ipasi, ishyiga ry'amashanyarazi (cuisiniere), radiyo, televiziyo, firigo n'ibindi bitandukanye, bigomba kuba bikora neza.

Ibikoresho by'amashanyarazi kandi bicomekwa gusa igihe birimo gukoreshwa, byaba bidakoreshwa bigacomokorwa. Nta mpamvu yo gusiga ipasi icometse kandi utarimo gutera imyenda, kuko ishobora gushyuha igatwika ibyo iteretseho.

Ni kimwe na radio na televiziyo, cyangwa sharijeri (charger) ya telefoni. Icyo utarimo gukoresha cyose, ni ngombwa kugicomokora.

Ugomba kandi kwirinda gucomeka ibintu byinshi cyane ahantu hamwe. Ugasanga kuri purize (prise/socket) imwe ucometseho ipasi, radio, televiziyo, firigo n'ibindi byinshi. Ibi bishobora gutuma aho bicometse hashyuha hakaba hagurumana.

Ni ngombwa cyane kurinda abana bato gukora aho bacomekera (muri prise/socket) cyangwa no gukinira ku ntsinga z'amashanyarazi. Igihe cyose ubonye umwana muto ashobora gucengeza ikintu aho bacomekera, ugomba kwihutira kumubuza cyangwa kumwigizayo. Cyane cyane abana bato bageze igihe cyo gukambakamba, ntibagomba gusigara bonyine mu nzu irimo amashanyarazi.

## Ku bantu bakuru kandi nabo, ni byiza kwirinda ibi bikurukira:

- Gucomeka cyangwa gucomokora igikoresho ku mashanyarazi igihe intoki zawe zitose (ziriho amazi);
- Kwirinda gukora ku gikoresho gicometse ufashe ikintu gikoze mu cyuma
- Irinde kwegereza ku marido n'ibitambaro ibikoresho bishyuha nk'ipasi, "cuisiniere", "cafetière", n'ibindi.
- Irinde kwanika imyenda cyangwa ikindi kintu ku nsinga z'amashanyarazi
- Irinde gukinira ku byuma bitwara amashanyarazi
- Igihe itara ryahiye cyangwa rishaje ugiye kurihindura, ni byiza kubanza kureba ko rijimije.
- Igihe utetse ku mashanyarazi, ugomba kuguma hafi y'iziko.
- Ugomba kumenya neza aho fizibule (fusibles/fuses) z'inzu yawe ziherereye ndetse ugakuraho inambamyi yose yakubuza kuhagera vuba igihe habaye ikibazo.

## Wabyitwaramo ute igihe ubonye uwafashwe n'amashanyarazi?

Ese wari uzi ibibaho iyo umuntu afashwe n'amashanyarazi? Kubera imiterere y'umubiri w'umuntu ugizwe ahanini n'amazi, byorohera amashanyarazi kumunyuramo. Ikindi kubera umuvuduko wayo ungana n'uw'urumuri, iyo amunyuzemo yangiza ibice byinshi by'umubiri bitewe n'ingano yayo.

Imitsi iragagara bityo uwafashwe ntabashe kuyikuraho, ibihaha bikifunga ntabashe guhumeka, umutima ugahagarara imitsi ikifunga, noneho hakaziraho n'ubushye ku mubiri ndetse no kwangirika kw'ibice byawo by'imbere. Bitewe n'ubukana bw'umuriro, uwafashwe aba afite ibyago byinshi byo kuhasiga ubuzima.

Igihe ubonye hari uwafashwe n'umuriro, ugomba kwirinda kumukoraho n'intoki kuko nawe wahita ufatwa. Ahubwo icyo wakora, niba icyatumye afatwa gicometse, wagicomokora cyangwa ugakupa umuriro kuri fizibule. Bitabaye ibyo, ihutire guhamagara REG kuri 2727 cyangwa ishami rya Polisi Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe ubutabazi no kurwanya inkongi z'umuriro kuri 111.

Rwanda Energy Group

REG

www.reg.rw